REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P 6449 KIGALI
TEL 515080/515081/515082
Fax : 515081

# AMATORA Y'INZEGO Z'UTURERE MU RWANDA / 2001

INGINGO ZIKUBIYE MURI IYI NYANDIKO

1. INTANGIRIRO.
2. INZEGO ZIZATORWA.
3. IBISABWA KUGIRA NGO UMUNTU YEMERERWE GUTORA NO GUTORWA.
4. KWIYANDIKISHA KURI LISITI Y'ITORA.
5. GUTANGA KANDIDATIRE NO KUYANGA.
6. KWIYAMAMAZA.
7. IMIGENDEKERE Y'ITORA.
8. IRANGIZA RY'ITORA N'IBARURA RY'AMAJWI.
9. IMPAKA ZIKOMOKA KU MATORA N'UKO ZIKEMURWA.
10. IBIHANO BITEGANYIRIJWE ABISHE AMATORA.
11. INDOREREZI.
12. URWEGO RUSHINZWE AMATORA.
13. UMUSOZO.

# 1. INTANGIRIRO

Kuva kera, haba ku ngoma cyami, mu gihe cy'ubukoloni ndetse na nyuma y'ubwigenge, nta ruhare rugaragara Abaturage bigeze bagira mu miyoborere y'igihugu cyabo. Ibibazo u Rwanda rufite muri iki gihe, muri rusange ni ingaruka z'amateka ya politiki n'ubuyobozi bibi byaranze igihugu cyacu, indunduro ikaba itsembabwoko n'itsembatsemba byo mu w'1994.

Ibiganiro nyunguranabitekerezo byabereye muri Perezidansi ya Repubulika guhera muri Gicurasi 1998 kugeza muri Werurwe 1999 byabaye intera ikomeye mu guhindura imiyoborere y'u Rwanda, byemeza ko ubuyobozi bugomba kwegerezwa Abaturage kandi bakabugiramo uruhare rugaragara. Iyo politiki ikaba ishingiye ku mahame ya demokarasi nk'ubutegetsi bw'Abaturage, bukorera Abaturage kandi butangwa na bo. Imwe mu nkingi demokarasi ishingiyeho ikaba ari **amatora**, yo nzira iha uruhare Abaturage mu kwitorera abayobozi.
Amatora y'inzego z'ibanze mu Tugari no mu Mirenge yabaye muri Werurwe 1999 yitabirwa n'abantu benshi.
Igihe kirageze kugira ngo muri iyo gahunda y'ubuyobozi bwiza amatora abe no ku rwego rw'Akarere, bityo hakomeze gahunda ndende yo gushimangira demokarasi. Abaturage bakomeze kugira uruhare rugaragara mu kwishyiriraho abayobozi mu nzego zose.

Tugeze rero aho twe nk'Abanyarwanda, tugomba kugira uruhare runini mu gufata ibyemezo bidufasha kurangiza ibibazo duhura na byo mu mibereho yacu ya buri munsi no mu majyambere rusange y'Igihugu. Tugomba gufatanya mu bwuzuzanye kugira ngo dushobore kubaka u Rwanda mu mahoro n'ubwiyunge. Ibi dushobora kubigeraho ari uko dufite **ubuyobozi bwiza** kandi **amatora** ni inzira ihamye yo kudufasha kubugeraho.

Birazwi ko mu Rwanda hagiye haba amatora mu bihe binyuranye. Ariko kandi biranazwi ko amenshi muri ayo matora atakorwaga mu **mucyo** no mu **bwisanzure**. Icyakorwaga akenshi ni uko ubuyobozi bwo hejuru ari bwo bwihitiragamo umukandida kandi akaba ari na we wagombaga gutorwa nk'uko byari biteganyijwe.

Bikwiye kumvikana ko mu bihe tugezemo, amatwara ya politiki mbi yamaze igihe iyobora iki gihugu cyacu agomba guhinduka. Abanyarwanda ni twe tugomba kuyahindura, tukihitiramo uburyo bwo kwitorera abayobozi, ibi tukabikora tudashingiye ku ivangura iryo ari ryo ryose, ryaba rishingiye ku turere, ku moko, ku mutungo, ku madini n'ibindi.

Ikigamijwe muri aya matora ateganijwe ni ukugira ngo tuzashobore kwitorera abayobozi bazatugirira akamaro, bakakagirira n'Igihugu, tukabatora mu bwisanzure no mu mucyo. Abazaduhagararira mu nzego z'ubuyobozi na bo bazaba bafite inshingano zo kurangiza neza imirimo batorewe kandi bagahora biteguye kwisobanura ku byo bashinzwe imbere y'ababatoye.

# 2. INZEGO ZIZATORWA.

## 2.1. MU TURERE TWO MU NTARA

Abaturage bazitorera abayobozi bazabahagararira ku rwego rw'AKARERE. Kuri uru rwego hazatorwa INAMA NJYANAMA na KOMITE NYOBOZI.

: General – white
: Youth – Green – (Hope)
— Rose

2. 1. 1. INAMA NJYANAMA Y'AKARERE igizwe :

a) N'Umujyanama rusange watorewe kuri buri murenge, ashobora kuba ari umutegarugori, umugabo, umusore cyangwa inkumi.
b) Na 1/3 cy'Abajyanama bahagarariye abari n'abategerugori batowe ku mirenge, kizabahagararira muri NJYANAMA .
c) Na 1/3 cy'Abajyanama bahagarariye urubyiruko batowe ku mirenge, kizabahagararira muri NJYANAMA.

*ICYITONDERWA* :

1. Aba Bajyanama batorwa n'Abaturage bemerewe gutora.

2. INTEKO ITORA UMUYOBOZI W'AKARERE NA KOMITE NYOBOZI

Igizwe :

a) N'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE.
b) NA KOMITE NYOBOZI Z'IMIRENGE YOSE IGIZE AKARERE.
c) N'ABAHUZABIKORWA B'UTUGARI TWOSE TUGIZE AKARERE.

*ICYITONDERWA* :

Iyi NTEKO ni yo itora Umuyobozi w'AKARERE na KOMITE NYOBOZI yako mu BAJYANAMA bagize INAMA NJYANAMA.

2.1.2. KOMITE NYOBOZI ITORWA ITEYE ITYA :

a) Umuyobozi wa NYOBOZI ari na we Muyobozi wa NJYANAMA y'AKARERE.
b) Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage.
c) Ushinzwe imari, ubukungu n'amajyambere.
d) Ushinzwe uburinganire n'iterambere ry'abari n'abategarugori.
e) Ushinzwe urubyiruko, umuco n'imyidagaduro.

2. 2. MU TURERE TWO MU MUJYI WA KIGALI

2.2.1. UKO INAMA NJYANAMA ITORWA

Gutora Abajyanama bagize inama NJYANAMA Y'AKARERE ko mu mujyi wa KIGALI bitandukanye no gutora uru rwego mu KARERE ko mu NTARA.

UKO BIKORWA :

a) Hatorwa Abajyanama rusange babiri (2) kuri buri murenge ugize AKARERE.
b) Hongerwaho Abajyanama babiri (2) bahagarariye abari n'abategarugori batowe kuri buri MURENGE bahurira mu biro by'AKARERE bakitoramo 1/3 bazabahagararira muri NJYANAMA.
c) Nanone hongerwaho Abajyanama babiri ( 2 ) bahagarariye urubyiruko batowe kuri buri MURENGE bahurira ku biro by'AKARERE bakitoramo 1/3 bazabahagararira muri NJYANAMA.

*ICYITONDERWA :*

Aha byumvikane neza ko buri muntu azatora abantu 6

⇒ Babiri bahagarariye abaturage muri rusange;
⇒ Babiri bahagarariye abari n'abategarugori;
⇒ Babiri bahagarariye urubyiruko.

2.2.2. INTEKO ITORA UMUYOBOZI W'AKARERE KO MU MUJYI WA KIGALI NA KOMITE NYOBOZI YAKO

Iyo nteko igizwe n'aba bakurikira :

a) Abagize inama NJYANAMA Y'AKARERE
b) Abagize KOMITE NYOBOZI Z'IMIRENGE yose igize ako KARERE.
c) Abahuzabikorwa b'UTUGARI twose tugize ako KARERE.

*ICYITONDERWA :*

Iyi nteko ni yo itora UMUYOBOZI W'AKARERE na KOMITE NYOBOZI yako mu BAJYANAMA bagize INAMA NJYANAMA.

2.2.3. KOMITE NYOBOZI IGIZWE N'ABA BAKURIKIRA:

a) Umuyobozi wa NYOBOZI ari na we Muyobozi wa NJYANAMA y'AKARERE.
b) Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage.
c) Ushinzwe imari, ubukungu n'amajyambere.
d) Ushinzwe Uburinganire n'iterambere ry'abari n'abategarugori.
e) Ushinzwe urubyiruko, umuco n'imyidagaduro.

2.3. MU MUJYI WA KIGALI

2.3.1. INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI

INAMA NJYANAMA y'umujyi wa KIGALI igizwe n'aba bakurikira :
Abantu batanu (5) batowe mu nama NJYANAMA ya buri Karere harimo :

- Abantu 3 bahagarariye abaturage muri rusange;
- Umuntu 1 uhagarariye abari n'abategarugori;
- Umuntu 1 uhagarariye urubyiruko.

2.3.2. KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI : Igizwe n'aba bakurikira :

a) Umuyobozi wa NJYANAMA Y'UMUJYI akaba n'Umuyobozi wa NYOBOZI ari we MAIRE ;
b) Ushinzwe imibereho myiza y'abaturage;
c) Ushinzwe imari, ubukungu n'amajyambere;
d) Ushinzwe uburinganire n'iterambere ry'abari n'abategarugori;
e) Ushinzwe urubyiruko, umuco n'imyidagaduro.

### 2.3.3. UKO KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI ISHYIRWAHO.

KOMITE NYOBOZI Y'UMUJYI WA KIGALI itorwa n'INTEKO igizwe n'aba bakurikira :

a) Abagize NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI;
b) Abagize KOMITE NYOBOZI z'Imirenge igize umujyi wa KIGALI;
c) Abahuzabikorwa b'UTUGARI twose tugize umujyi wa KIGALI.

*ICYITONDERWA* :

1. Iyi NTEKO iraterana igatora Umuyobozi w'INAMA NJYANAMA Y'UMUJYI WA KIGALI, ari na we Muyobozi wa Komite NYOBOZI yawo, akaba n'Umuyobozi w'UMUJYI WA KIGALI. Hakurikiraho itorwa ry'abandi bagize Nyobozi uko ari 4.

2. KOMITE NYOBOZI ITORWA MU BAGIZE INAMA NJYANAMA.

## 3. IBISABWA KUGIRA NGO UMUNTU YEMERERWE GUTORA NO GUTORWA

3.1. KUGIRA NGO UMUNTU YEMERERWE GUTORA agomba kuba yujuje ibi bikura :

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba yujuje imyaka 18 y'amavuko;
- Kuba yiyandikishije aho agomba gutorera;
- Kuba amaze nibura umwaka atuye mu Rwanda ku buryo bwemewe n'amategeko igihe ari umunyamahanga.

3.2. ABATEMEREWE GUTORA ni aba bakurikira :

- Impunzi;
- Abakatiwe urubanza rwararangiye kubera icyaha cy'ubuhotozi n'ubwicanyi n'abakatiwe burundu kubera icyaha cy'itsembabwoko n'itsembatsemba;
- Abakatiwe urubanza rwararangiye igihano kirenga amezi atandatu ( 6) mu myaka itanu ( 5) ibanziriza itora ;
- Abambuwe n'inkiko uburenganzira bwo gutora no gutorwa;
- Abatanditse kuri lisiti y'itora ;
- Abafunzwe;
- Abakoze icyaha cyo gusambanya abana.

3.3. KUGIRA NGO UMUNTU YEMERERWE GUTORWA agomba:

- Kuba ari Umunyarwanda;
- Kuba ari inyangamugayo;
- Kuba yujuje imyaka 21 y'amavuko;
- Kuba ari kuri lisiti y'abatora;
- Kuba afite nibura impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye (D4, D5, A3)

*ICYITONDERWA* :

a) Uwujuje ibi bisabwa haruguru ashobora gutorwa muri NJYANAMA na NYOBOZI y'AKARERE.

b) UTORWA KU MWANYA W'UBUYOBOZI BW'AKARERE :

- Agomba kuba afite impamyabushobozi ya KAMINUZA, cyangwa afite impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye n'uburambe ku kazi bw'imyaka icumi (10);

- Ufite impamyabushobozi y'amashuri atandatu (6) yisumbuye akaba yarabaye Burugumesitiri mu gihe cy'imyaka itanu (5), ashobora gutorwa ku mwanya w'ubuyobozi bw'AKARERE;

- Ushaka gutorwa ku mwanya w'ubuyobozi bw'AKARERE agomba kuba afite nibura imyaka 25 y'amavuko.

c. **Iyo mu Bajyanama batowe mu mirenge HATABONETSE UWUJUJE IBISABWA KUGIRA NGO UMUNTU ATORERWE KUBA UMUYOBOZI W'AKARERE**, ikibazo gishyikirizwa Komisiyo y'Amatora ku rwego rw'Igihugu igomba gufata umwanzuro mu minsi itarenze 30 uhereye umunsi yamenyesherejweho ikibazo.

3.4. UTEMEREWE GUTORWA:

Ni umuntu wese utujuje ibisabwa n'itegeko rigenga amatora y'abayobozi b'inzego z'ibanze mu Rwanda.

## 4. KWIYANDIKISHA KURI LISITI Y'ITORA

4.1. Kwiyandikisha kuri lisiti y'itora ni ITEGEKO kuri buri Muturarwanda wujuje ibisabwa n'itegeko rigenga amatora.

4.2. Ishami rya Komisiyo y'Amatora ku rwego rw'Akarere ni ryo rifite inshingano yo gukora lisiti y'itora mu KARERE. Bibaye ngombwa rishobora kwifashisha izindi nzego kugira ngo iki gikorwa kirangire.

4.3. Ku rwego rw'AKAGARI n'urw'UMURENGE, kwandika abatora kuri lisiti bikorwa n'ABANTU bagenwa na KOMISIYO Y'AMATORA.

Mu mirimo yabo yo kwandika abatora bafashwa n'inzego zisanzwe z'ubuyobozi za Leta.

4.4. Birabujijwe kwiyandikisha ku **malisiti arenze imwe.**

4.5. Iyo umuntu yimutse mbere y'uko itora riba, kugira ngo yimurirwe kuri lisiti y'itora y'aho yimukiye, abisaba uhagarariye Komisiyo y'Amatora ku rwego rw'AKARERE yimutsemo akamuha icyemezo ashyikiriza Komisiyo y'Amatora y'AKARERE yimukiyemo;

4.6. Kugira ngo umuntu yandikwe kuri lisiti y'itora agomba kwerekana indangamuntu cyangwa ikindi cyemezo kiyisimbura cyatanzwe n'ubuyobozi bw'AKARERE;

4.7. Abasirikare n'abapolisi biyandikisha kuri lisiti y'itora berekana ikarita y'akazi;

4.8. Iyo umuntu amaze kwandikwa ahabwa IKARITA Y'ITORA agomba kwerekana mu gihe cy'itora;

4.9. **Ikarita y'itora** ni iy'umuntu ku giti cye, ntishobora gukoreshwa n'undi muntu kandi ntigomba kuba isibanganyijwe;

4.10. Iyo kwandika abatora birangiye ku rwego rw'Igihugu, hakorwa inyandikomvugo ikorerwa amakopi ane (4). Inyandikomvugo y'umwimerere ibikwa hamwe n'amalisiti y'itora ku cyicaro cya Komisiyo y'Amatora ku rwego rw'Igihugu, naho amakopi yohererezwa aba bakurikira :

- Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga;
- Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze;
- Umukuru w'Ishami rya Komisiyo ku rwego rw'Intara;
- Umukuru w'Ishami rya Komisiyo ku rwego rw'Akarere

4.11. Abantu bo mu byiciro bikurikira biyandikisha kandi bagatorera mu Karere k'itora bakoreramo:

- Abasirikare;
- Abapolisi;
- Abanyeshuri igihe bari ku ishuri n'abandi bigaragaye ko ari ngombwa.

4.12. Igihe cyose, uretse nyuma yo kurangiza iyandika, Umunyarwanda wese ashobora kuregera Komisiyo y'Amatora amakosa yabonye mu iyandika ry'amatora. Ashobora kujuririra Komisiyo yo ku rwego rwisumbuye iyo icyemezo cyafashwe kitamushimishije

4.13. Umunyarwanda wese wumva ko yarenganyijwe igihe bamwambuye uburenganzira bwo gutora, ashobora kujuririra Komisiyo yo ku rwego rwisumbuye mu gihe kitarenze iminsi 5 uhereye igihe yamenyesherejwe icyo cyemezo.

## 5. GUTANGA KANDIDATIRE NO KUYANGA

### 5.1. GUTANGA KANDIDATIRE

5. 1.1. Umuntu wese ushaka gutorwa agomba kwiyandikisha kuri lisiti y'abashaka gutorwa. Umuntu yiyandikisha kandi agatorwa ku giti cye bidashingiye ku mashyaka ya politiki, amadini, uturere no ku moko kandi agatorerwa igihe cy'imyaka itanu (5) gishobora gusubirwamo incuro imwe gusa.

5. 1.2. Buri wese atanga kandidatire ye aho ashaka gutorerwa mu Rwanda.

5. 1.3. Nta muntu n'umwe wemerewe kwiyandikisha kuri lisiti y'abatorwa atujuje ibisabwa kugira ngo yemererwe gutora cyangwa gutorwa nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga amatora;

5. 1.4. Gutanga kandidatire bikorwa mu nyandiko yohererezwa Perezida wa Komisiyo y'Amatora ku rwego umuntu ashaka gutorerwaho nibura hasigaye iminsi 45 kugira ngo itora ritangire. Iyo iyo nyandiko imaze kwakirwa, izina ry'umukandida ryandikwa mu gitabo cy'abakandida, nyiraryo ahibereye, agashyira umukono imbere y'izina rye kandi n'uyakiriye akabishyiraho umukono.

5. 1.5. Lisiti y'abakandida igomba kumanikwa ahantu hagaragara kandi hagerwa n'abantu benshi, kugira ngo Abaturage bamenye abakandida babo kandi n'abafite icyo babavugaho bashobore kukigeza kuri Komisiyo y'Amatora y'Akarere.

5. 1.6. Kopi y'iyo nyandiko ishyirwaho umukono n'uhagarariye Komisiyo y'Amatora washinzwe uwo murimo ku rwego rwatangiweho kandidatire, igaterwaho kashe ya Komisiyo, igahabwa umukandida byerekana ko yakiriwe

5. 1.7. Inyandiko itanga kandidatire igomba kugaragaza ibi bikurikira:

- Amazina y'umukandida;
- Umwuga;
- Akarere umukandida abarurirwamo;
- Akarere umukandida atuyemo;
- Aho yavukiye n'itariki y'amavuko;
- Aho umukandida akorera muri icyo gihe;
- Umwanya yiyamamariza

5.1. 8. Iyi nyandiko igomba kuba iherekejwe n'ibyemezo bikurikira :

- Kopi y'indangamuntu ye iriho umukono wa Noteri;
- Kopi y'impamyabushobozi iriho umukono wa Noteri.
- Cyakora, mu rwego rw'AKAGARI n'UMURENGE, ushaka gutorwa yerekana irangamuntu n'icyemezo cy'amashuri by'umwimerere bikandikwa.

5. 1.9. Umuyobozi iyo kandidatire ye yemewe, yegura ku mwanya yari ariho kugira ngo atabangamira amatora.

## 5.2. KWANGA KANDIDATIRE

5.2.1. Kwanga kandidatire y'umuntu bigomba gutangirwa impamvu igaragara, ikamenyeshwa nyir'ubwite mu nyandiko mu minsi icumi (10) ikurikira itangwa rya kandidatire.

5.2.2. Kwangirwa kandidatire bishobora kujuririrwa ku rwego rwa Komisiyo y'Amatora rwisumbuye nk'uko amategeko abiteganya.

5.2.3. Umuntu wese ufite ibimenyetso byakorohereza Komisiyo mu iyemeza ry'abakandida, ashobora kuyibishyikiriza mu nyandiko mbere y'uko lisiti y'abakandida itangazwa burundu.

5.2.4. Umukandida wese wifuza kuva kuri lisiti y'abatorwa agomba kubimenyesha umuyobozi wa Komisiyo w'aho itora rizabera hasigaye iminsi 30 mbere y'uko itora ritangira.

# 6. KWIYAMAMAZA

## 6. 1. ICYO BISOBANURA:

- Kwiyamamaza ni igikorwa cyo kwimenyekanisha no kugaragaza gahunda umukandida afite kugira ngo ashobore kurusha abandi amajwi.

## 6. 2. IGIHE BIKORERWA :

- Kwiyamamaza bitangira iminsi 15 mbere y'uko itora ritangira. Birangira hasigaye nibura amasaha 24 kugira ngo itora ritangire.

## 6. 3. UKO BIKORWA:

- Inama zo kwiyamamaza zitegurwa na Komisiyo y'Amatora kandi ikaba ari na yo iziyobora. Abakandida bose bahabwa igihe kingana cyo kwiyamamaza buri muntu ku giti cye.

- Komisiyo y'Amatora ni yo igena imitunganyirize y'inama zo kwiyamamaza.
- Kwiyamamaza bikorwa muri Segiteri umukandida ashaka gutorerwamo.

6. 4. <u>IBYO UMUKANDIDA ATEMEREWE GUKORA MU GIHE CYO KWIYAMAMAZA</u> :

❖ Mu gihe cy'iyamamaza, umukandida agomba kwirinda ibi bikurikira:

- Amagambo asebanya;
- Amagambo y'uburiganya agamije kubeshya Abaturage, abizeza ibitangaza atazabagezaho;
- Kwiyamamaza mu buryo bushobora guteza amacakubiri ashingiye ku moko, uturere, amashyaka, amadini n'ibindi.

## 7. IMIGENDEKERE Y'ITORA

### 7.1. MURI RUSANGE.

7. 1.1. Kuri buri MURENGE hateganywa ibiro by'itora; ni ukuvuga ahantu hagutse hari ibyumba bihagije bingana nibura n'umubare w'Utugari turi muri uwo Murenge.

7. 1.2. Ku munsi w'itora abantu bose biyandikishije mu murenge bazindukira ku biro by'itora , kuko ritangira kare, saa moya za mugitondo (7h00).

7. 1.3. Buri KAGARI kagize Umurenge kagenerwa aho gatorera hihariye, kandi buri cyumba gitoreshwamo n'abantu 3 b'inyangamugayo bashyizweho na Komisiyo y'Amatora kugira ngo bayobore imirimo y'itora.

7. 1.4. Kuri buri rwego rw'Umurenge, Komisiyo y'Amatora yo ku rwego rw'Akarere ihashyira inyangamugayo ishinzwe gukurikirana imirimo yose y'itora mu Murenge ishinzwe kandi ikanabitangaho raporo.

### 7. 2. MU BIRO BY'ITORA.

7. 2.1. Ku munsi w'itora, utora wese yinjira ari umwe mu Biro by'Itora, keretse abatabona n'abacitse amaboko bemerewe guherekezwa n'abantu bizeye bo kubafasha gutora.

7. 2.2. Aho utora atungukira ahasanga umwanditsi umwakirana ikinyabupfura, akareba ko yanditse mu gitabo cy'itora kandi ko afite ikarita y'itora ihuje nimero n'iziri mu gitabo cy'itora.

7. 2.3. Iyo izo nimero zihuye, utora ahabwa impapuro zo gutoreraho ziriho amafoto y'abakandida biyamamaje. Izo mpapuro zigomba kuba mu mabara atatu ( 3 ) atandukanye :

- UMWERU: Rigenewe abakandida rusange;

- IROZA (PINK): Rigenewe abakandida b'abari n'abategarugori;
- ICYATSI KIBISI: Rigenewe abakandida b'urubyiruko.

7. 2.4. Iyo utora amaze kwakira impapuro zo gutoreraho, yerekwa ubwiherero atoreramo. Muri ubwo bwiherero utora ahasanga imeza iriho wino. Mbere yo gutora arabanza agatoranya umukandida umwe yishakiye yitonze kuri buri rupapuro rw'itora.

7. 2.5. Utora iyo amaze gushima umukandida we, ashyira igikumwe cy'ibumoso muri wino akagitera mu kazu kabugenewe kari iruhande rw'ifoto y'umukandida yahisemo. Iyo utora amaze gutorera ku mpapuro eshatu (yahawe), azizinga neza mo inshuro 4 rumwe rumwe, agasohoka mu bwiherero.

7. 2.6. Utora yerekwa aho agomba gushyira impapuro yatoreyeho zikizinze, mu gasanduka k'itora. Aha utora aritonda agashyira neza impapuro zose yatoreyeho uko zakazinzwe mu gasanduka yeretswe ariko agenda ashyiramo rumwe rumwe.

7. 2.7. Kirazira gusohokana urupapuro watoreyeho. Iyo hari urupapuro rw'itora rwangiritse, utora yerekwa aho arushyira habigenewe agahabwa urundi.

Impapuro zitatoreweho na zo zishyirwa ahabugenewe mbere yo gusohoka mu biro by'itora.

7. 2.8. Iyo utora amaze gushyira neza impapuro yatoreyeho mu gasanduka kabugenewe, yegera ibiro by'undi mwanditsi, akerekana ikarita ye y'itora, agatererwaho kashe yanditsemo "YATOYE" agahita asohoka ataha.

7. 2.9. Umurimo wo gutora ugomba kurangira saa kumi n'igice ( 16h30) z'igicamunsi. Igihe ariko bibaye ngombwa, Komisiyo y'Amatora ishobora kongera igihe.

7. 2.10. Amatora yose akorwa mu IBANGA, mu BWISANZURE no mu MUCYO.

7. 2.11..Abatorwa bose batorerwa manda y'imyaka itanu (5) ishobora gusubirwamo incuro imwe gusa.

## 8. IRANGIZA RY'ITORA N'IBARURA RY'AMAJWI.

8.1. Mu mirimo y'itora n'ibarura ry'amajwi, buri mukandida agena mu nyandiko umuhagarariye ugomba kubanza kwemerwa n'abahagarariye Komisiyo y'Amatora y'AKARERE .
Uwo muntu agomba kuba ari inyangamugayo, ajijutse kandi azi gusoma no kwandika.

8.2. Ku munsi w'itora, iyo saa kumi n'igice (16h30) zigeze, umuyobozi w'itora ararihagarika. Nyuma afatanya n'abandi kubarura buri bwoko bw'impapuro zitatoreshejwe zigaragara mu biro by'itora zikabikwa buri bwoko ukwabwo.

8.3 Hakurikiraho umurimo wo gufunga udusanduka twatorewemo. Uwo muhango ukorerwa imbere y'abayoboye itora bose hamwe n'abahagarariye abakandida.

Umuyobozi w'itora yandika mu nyuguti nini IZINA RY'AKARERE n'iry'IBIRO by'ITORA kuri buri gasanduka.

8.4. Ibiro by'itora bikora inyandikomvugo igaragaza uko itora ryagenze, ibibazo byahabaye n'ibisubizo byatanzwe, igashyirwaho umukono n'umuyobozi w'itora n'abamufashije bose kuriyobora, ikohererezwa Komisiyo y'Amatora yo ku rwego rw'AKARERE na yo ikayohereza ku rwego rw'INTARA.

8.5. Iyo udusanduka tugejejwe aho ibarura rigomba kubera, twakirwa n'umuyobozi wa Komisiyo y'Amatora yo ku rwego rw'AKARERE, agatanga icyemezo kiriho umukono we na kashe cyerekana ko yatwakiriye.

8.6. Ibarura ry'amajwi ritangira bukeye ku munsi ukurikira uw'itora guhera saa moya za mu gitondo (07h00) kandi ntirishobora kurenza saa kumi n'imwe (17h00) z'igicamunsi. Ibarura rigomba gukorerwa mu ruhame.

8.7. Mu ibarura, impapuro zose z'itora zitondekanywa ku buryo bukurikira:

a) Impapuro zatoreshejwe neza ;

b) Impapuro z'imfabusa;

c) Impapuro zitatoreshejwe.

8.8. Buri biro by'itora bibarura amajwi ya buri mukandida hanyuma bigakora inyandikomvugo igaragaza uko amatora yagenze herekanwa ibi bikurikira :

- Isaha amatora yatangiriyeho n'iyo yarangiriyeho;
- Umubare w'abantu bose bagomba gutora;
- Umubare w'abantu bose batoye;
- Umubare w'Impapuro zose z'imfabusa n'uw'izitatoreshejwe;
- Ijanisha ry'umubare w'abatoye n'uw'abagombaga gutora;
- Ijanisha ry'amajwi ya buri mukandida hakoreshejwe umubare w'amajwi yabonye n'umubare w'abatoye;
- Imyanya y'abakandida hakoreshejwe amajwi buri wese yabonye, uhereye ku wabonye amajwi menshi.

8.9. Iyo nyandikomvugo ishyirwaho umukono n'umuyobozi wa Komisiyo y'Amatora y'aho ibarura ryabereye n'abayoboye itora bose kuri buri biro by'itora, ikohererezwa Komisiyo ishinzwe Amatora ku rwego rw'Intara na yo ikayohereza Komisiyo y'Igihugu ishinzwe Amatora.

8.10. Ashingiye ku nyandikomvugo zavuye mu Ntara zose, Perezida wa Komisiyo y'Amatora atangaza by'agateganyo uko amatora yagenze.

8.11. Nyuma y'iminsi irindwi (7) haba[illegible] itangaza ry'agateganyo, Perezida wa Komisiyo atangaza burundu abakandida ba[illegible]nze, kandi hagakorwa n'inyandikomvugo ivuga uko amatora yagenze hose mu g[illegible]gu, kopi zayo zikohererezwa Urukiko rw'Ikirenga, Minisiteri ifite Ubut[illegible] bw'Igihugu mu nshingano zayo na buri rwego amatora yabereyeho.

8.12. Hakurikiraho igikorwa cyo gusubiza impapuro z'itora mu dusanduka, kudufunga no kutwohereza ku cyicaro cy'Ubunyamabanga Nyubahirizategeko Buhoraho aho bushyingurwa neza kugeza igihe cy'ijurira giteganywa n'amategeko kirangiye.

Komisiyo y'Amatora ni yo igena igihe n'uburyo bwo gushyingura impapuro z'itora.

8.13. Ku munsi ukurikira uw'ibarura, habanza gutorwa 1/3 cy'abahagarariye abari n'abategarugori na 1/3 cy'abahagarariye urubyiruko bazabahagararira muri NJYANAMA Y'AKARERE. Iyo NJYANAMA imaze kuzura, hakurikiraho gutora UMUYOBOZI W'AKARERE n'abandi bane (4) bagize KOMITE NYOBOZI.

Amatora atangira kare mu gitondo saa moya (7h00) kandi ntarenze saa kumi n'imwe (17h00) z'igicamunsi.

8.14. Komisiyo y'Amatora ku rwego rw'AKARERE ikora inyandikomvugo isoza amatora yerekana uko yagenze.

## 9. IMPAKA ZIKOMOKA KU MATORA N'UKO ZIRANGIZWA.

9. 1. Ibikorwa by'amatora bishobora kuvukamo impaka. Umuntu wese afite uburenganzira, mu gihe abona ko hari ibitagenze neza mu mirimo y'amatora, bwo kuregera urukiko, ariko akabikora mu nyandiko mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi itangaza ry'amajwi ryakoreweho.

9. 2. Komisiyo y'Amatora yaregewe igomba gutanga igisubizo mu masaha atarenze mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe yashyikiririjwe ikirego kandi ikabikora mu nyandiko.

9. 3. Iyo urega adashimishijwe n'imyanzuro yafashwe na Komisiyo y'Amatora yo ku rwego yaregeye, ajuririra urwego rwa Komisiyo y'Amatora rwisumbuye mu masaha atarenga makumyabiri n'ane (24). Urwo rwego rwajuririwe rugomba gutanga igisubizo mu nyandiko mu masaha atarenze mirongo ine n'umunani (48).

9. 4. Ibyemezo byafashwe n'urwego rwaregewe n'urwajuririwe bigomba gutangirwa ibisobanuro bishingiye ku mategeko.

9. 5. Umuntu wese ufite ibimenyetso cyangwa impamvu zigaragaza ko itora ritubahirije ibiteganywa n'Amategeko, ashobora gusaba ko iryo tora riseswa. Icyemezo cyo gusesa itora gifatwa n'Urukiko rw'Ikirenga ubwa mbere n'ubwa nyuma.

9. 6. Icyemezo cy'iseswa ry'amatora kimenyeshwa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora na Minisiteri ifite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo.

9. 7. Iyo amatora asheshwe, Komisiyo y'Amatora ifatanyije na Minisiteri ifite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo itegura andi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15).

## 10. IBIHANO BITEGANYIRIJWE ABISHE AMATORA

**Gutora** ni **uburenganzira** ariko bikaba **n'inshingano** za buri Muturarwanda wujuje ibyangombwa bigenwa n'itegeko bisabwa ugomba gutora.

Cyakora gutuma amatora atagenda neza, ni amakosa ahanwa. Aha byumvikane neza ko, bidatambamiye ibihano birushijeho gukomera biteganywa n'amategeko ahana yo mu Rwanda, itegeko rigena amatora rinagenera ibihano umuntu wese ushobora kwica amatora ku giti cye cyangwa agatuma abandi bayica.

**Dore ingero zimwe muri nyinshi zishobora gutangwa zerekana urwego rw'icyaha cyo kwica amatora n'ibihano bigiteganyirijwe :**

1. Umuntu wese utuma ugomba gutora yifata, atora ku buryo ubu n'ubu cyangwa adatora, amukoreyeho urugomo, amuhata, amukangisha kuva ku kazi cyangwa ibindi byago byazamubaho ubwe, byaba ku muryango we cyangwa ku byo atunze, ahanishwa igifungo kiri hagati y'amezi ane n'amezi umunani n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi ijana (100.000Frw) kugeza ku bihumbi magana abiri (200.000Frw), cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

2. Igihe cy'itora, abantu bagaragayeho icyaha cyo gutukana, kuvundira abagize ibiro by'itora, umwe muri bo, cyangwa badindiza, babuza imirimo y'itora cyangwa y'ibarura ry'amajwi kubera urugomo cyangwa ibikangisho, bahanishwa igifungo kiri hagati y'imyaka ibiri n'imyaka itatu n'ihazabu y'amafaranga ibihumbi magana arindwi na mirongo itanu (750.000Frw) kugeza ku bihumbi magana cyenda (900.000Frw), cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

   Bene abo bantu iyo bafite intwaro cyangwa se iyo batumye itora ripfa, ibyo bihano bikubwa kabiri.

3. Umuntu wese ukoresha ikirango icyo ari cyo cyose cy'ishyaka, idini, cyangwa ibindi bimenyetso byose bizana amacakubiri, ahanishwa igifungo kiri hagati y'imyaka itatu (3) n'imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga kuva ku bihumbi magana arindwi (700.000Frw) kugeza ku bihumbi magana cyenda na mirongo itanu ( 950.000Frw), cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano byombi.

## 11. INDOREREZI

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Shingiro, cyane cyane n'Amasezerano y'Amahoro ya ARUSHA yerekeye i Gihugu kigendera ku mategeko, ingingo ya cumi (10), kugira ngo amatora abere mu mucyo, hashobora kubaho abantu baturutse hanze ya Komisiyo y'Amatora cyangwa mu mahanga, bitwa INDORERERZI (Observers/Observateurs) bakurikirana uko amatora agenda mu Rwanda.

11.1. BASHOBORA KUBA ARI :

- Abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda;
- Abanyamakuru bakorera Leta, Abikorera ku giti cyabo cyangwa abakorera hanze y'u Rwanda;
- Amashyirahamwe ( Associations) n'imiryango itegamiye kuri Leta (ONG) iyo ari yo yose;
- Imiryango iharanira iyubahirizwa ry'uburenganzira bw'Ikiremwamuntu iyo ari yo yose;
- Abahagarariye amadini anyuranye;
- Abahagarariye amashyaka ya Politiki akorera mu Rwanda.

11. 2. IBYO BEMEREWE GUKORA :

- Gukurikirana imirimo yose ijyanye n'iyandika n'ibarura ry'abagomba gutora;
- Kwandika ibyo babona ( Observations) ku migendekere y'iyandika n'ibarura ry'abagomba gutora;
- Kuganira n'abashinzwe Amatora ku buryo imirimo y'itora igenda;
- Gukurikirana uko amatora agenda aho ariho hose mu gihugu;
- Gukora raporo rusange ku ibarura no ku migendekere y'amatora;
- Ibyo indorerezi zigomba kuzuza kugira ngo zemererwe gukurikirana imirimo y'amatora bigenwa n'amabwiriza ya Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'i Gihugu mu nshingano ze.

11. 2. IBYO BATEMEREWE GUKORA :

- Guha amategeko cyangwa amabwiriza abiyandikisha cyangwa kubatera ubwoba;
- Guha amategeko cyangwa amabwiriza abashinzwe ibarura;
- Gukorakora ibitabo by'ibarura cyangwa kujyana kopi zabyo;
- Kubangamira imigendekere myiza y'ibarura mu buryo ubwo ari bwo bwose;
- Guteza imvururu z'Abaturage.

## 12. URWEGO RUSHINZWE IMIRIMO Y'AMATORA MU RWANDA

12. 1. URWO ARI RWO :

- Urwego rushinzwe imirimo y'amatora mu Rwanda rwitwa "KOMISIY Y'IGIHUGU Y'AMATORA". Yagenwe n'Itegeko Shingiro, cyane cyane n'Amasezerano y'Amahoro y'Arusha mu gice cyerekeye Igabana ry'Ubutegetsi mu ngingo ya 24-C.

- Imiterere n'imikorere ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igenwa n'Itegeko.
- Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ni urwego rwihariye kandi rwigenga rufite inshingano yo gutegura no gutunganya amatora ku rwego rw'AKAGARI, urw'UMURENGE, urw'AKARERE n'urw'IMIJYI, ay'ABADEPITE n'aya PEREZIDA wa REPUBULIKA.

## 12. 2. <u>IMITERERE</u>

Komisiyo y'Igihugu y'Amatora igizwe n'inzego ebyiri zikurikira:

### a) <u>URWEGO RW'ABAKOMISERI</u>

1. Igihe hategurwa amatora, Inteko Ishinga Amategeko ihitamo abakomiseri 6 kuri lisiti y'abakandida 12 yoherejwe na Guverinoma. Muri 6 batowe, Inteko Ishinga Amategeko itoramo Perezida na Visi-Perezida.

2. Abakomiseri batorerwa igihe gihwanye n'iminsi 60 mbere y'amatora n'iminsi 30 nyuma yayo. Nyuma y'aho basubira mu mirimo bari basanzwemo nta zindi nzitizi.

3. Kugira ngo umuntu ashobore gutorerwa kuba Komiseri muri Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

   - Kuba ari Umunyarwanda;
   - Kuba afite nibura impamyabushobozi y'icyiciro cya kabiri cya Kaminuza;
   - Kuba ari inyangamugayo.

4. Mu gihe cy'imirimo y'amatora, ibigenerwa Abakomiseri bigenwa n'Iteka rya Perezida wa Repubulika. Mu gihe cy'imirimo y'amatora, Abakomiseri ntibashobora gukurikiranwa cyangwa gushakishwa n'inzego z'ubucamanza.

5. Mbere y'uko batangira umurimo batorewe, ba Komiseri barahirira imbere ya Perezida w'URUKIKO rw'Ikirenga, bakurikije indahiro iteganywa n'Itegeko Shingiro iteye itya:

*"Jyewe......................................., ku izina ry'Imana ishobora byose ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro ko nzatunganya imirimo nshinzwe, ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda, ko nzubaha Umukuru w'Igihugu n'Inzego z'Ubutegetsi bwa Leta kandi ko nzaharanira ibyagirira Abaturarwanda bose akamaro, nubahiriza Itegeko Shingiro n'andi mategeko".*

### b) <u>URWEGO RW'UBUNYAMABANGA NYUBAHIRIZATEGEKO BUHORAHO</u>.

1. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ifite Ubunyamabanga Nyubahirizategeko Buhoraho bugizwe n'Umunyamabanga Nyubahirizategeko Uhoraho n'Abanyamabanga Nyubahirizategeko batanu (5) bungirije.

2. Ubunyamabanga Buhoraho muri rusange bashinzwe gutegura no gukomeza imirimo y'amatora iyo ba Komiseri batarashyirwaho

cyangwa iyo bacyuye igihe.

3. Umunyamabanga Nyubahirizategeko Uhoraho n'Abanyamabanga Nyubahirizategeko Bungirije bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe bimaze kwemerwa n'Inama y'Abaminisitiri.

4. Abanyamabanga Nyubahirizategeko Bungirije uko ari batanu (5) bashinzwe ibi bikurikira:

a. Ushinzwe ibirebana n'Amategeko;
b. Ushinzwe ibirebana n'Ubutegetsi n'Imari;
c. Ushinzwe Kwakira Abantu, Inyandiko no Kuzishyingura;
d. Ushinzwe ibirebana n'Amatora n'Ibikoresho
e. Ushinzwe Uburere Mboneragihugu, Itumanaho, n'Amakuru.

5. Komisiyo y'Igihugu y'Amatora mu gihe cy'imirimo y'amatora ishyiraho amashami ku nzego z'INTARA n'AKARERE. Umubare w'abayagize ugenwa na Komisiyo biturutse ku mwihariko wa buri karere.

c) <u>IMIKORERE MURI RUSANGE</u>

1. Muri rusage Komisiyo y'Igihugu y'Amatora ishinzwe:

- Gutegura, kuyobora no guhagararira amatora;
- Gushyiraho uturere tw'amatora;
- Gushyiraho Komisiyo z'uturere, kuziha amabwiriza, kwakira raporo zazo no kuzigenzura;
- Gutegura no gutanga inyigisho mboneragihugu mu birebana n'amatora;
- Kugenzura, kumenyesha no gutangaza mu nyandiko ibyavuye mu matora;
- Guharanira ko amatora akorwa mu mucyo no mu bwisanzure;
- Gukora indi mirimo yose yerekeye amatora iteganywa n'amategeko.

2. Raporo y'ibyemezo byafashwe na ba Komiseri na raporo z'imirimo y'Ubunyamabanga Nyubahirizategeko Buhoraho zohererezwa PEREZIDA wa REPUBULIKA; naho Urukiko rw'Ikirenga, Inteko Ishinga Amategeko na Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze bagahabwa kopi.

3. Kugira ngo Komisiyo ishobore gutunganya imirimo isabwa, ikoresha ingengo y'imari yayo yihariye ihabwa na Leta n'ituruka ku mpano zinyuranye.

4. Ubunyamabanga Nyubahirizategeko Buhoraho ni bwo butegura umushinga w'ingengo y'imari, bukawushyikiriza Minisitiri ufite imari mu nshingano ze.

5. Umukomiseri, kimwe n'undi mukozi wa Komisiyo ugaragayeho ibikorwa bituma amatora atagenda neza, nko kumena ibanga, kwibisha amajwi, kurigisa impapuro n'ibindi bikoresho by'itora ahanwa hakurikijwe ibiteganywa n'igitabo cy'amategeko ahana y'u Rwanda n'itegeko rigenga amatora.

## 13. UMUSOZO

Muturarwanda ukunda igihugu cyawe, ibuka ko ufite ishingano ikomeye yo kucyubaka. Ugomba kugitegurira inzira nziza ikiyobora ku isoko y'amajyambere. Inzira nziza iyobora kuri iyo soko ni UBUYOBOZI BWIZA buha agaciro umuntu n'ibikorwa bye, burinda ubusugire bw'igihugu n'abagituye, buhora buharanira kugera ku byiza bihuza Abanyarwanda.

Kugera kuri ubwo buyobozi bigusaba gutekereza neza utibeshya, ugashishoza kugira ngo hato udatora abazaguteteteza. Bigusaba kandi kwizitura amarangamutima ashinze imizi muri za " NDAMUZI....,TUVA INDA IMWE.....,TWARIGANYE...., NI UWACU..." n'ibindi nk'ibyo.

Nugera mu mahina, ruhuka ushire impumu, ushyitse umutima mu gitereko, utuze umenye kwitsinda kuko ari yo ntwaro yo gutsinda.

Ongera ushishoze maze utore uwo ushaka nta gitutu. Utore mu IBANGA INYANGAMUGAYO wirinde INYANGABIRAMA.

*AMATORA MEZA !*

REPUBULIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA

B.P 6449 KIGALI
Tél: 515080/515081/515082

Umugereka wa XXXI :

IGISHUSHANYO CYEREKANA UBURYO AMATORA AZAKURIKIRANA MU MUJYI WA KIGALI

